KIGALI

UMURWA URABAGIRANA MURI AFURIKA

Kugaragaza ibyagezweho n'Umujyi wa Kigali mu myaka itanu

2011 - 2015

Ijambo ry'ibanze

Ry'Umuyobozi w'Inama y'Umujyi wa Kigali

Basomyi bahire, imyaka itanu irashije Umujyi wa Kigali utangiye urugendo rwo kuwugira Umujyi wa mbere mu Karere dutuyemo ndetse no ku rwego rw'Isi. Imyaka itanu irashize ku buyobozi bw'Umujyi akaba ari umwanya mwiza wo kugira ngo twisuzume turebe ibyagezweho duteganyirize n'ejo hazaza. Hari byinshi byagezweho muri iyi myaka turangije.

Turangajwe imbere n'Ubuyobozi bwiza dukesha Nyakubahwa Paul Kagame, n'ubufatanye burangwa hagati y'Inama y'Umujyi wa Kigali na Komite Nshingwabikorwa y'Umujyi wa Kigali, twakoze amavugurura akomeye agamije guha Umujyi wa Kigali Ubuyobozi buboneye kandi buhamye kugira ngo turusheho gutanga serivisi zinoze kurusha uko byari bimeze mbere.

Twizera kandi gushyikira ubufatanye bw'inzego za Lata n'abikorera ku giti cyabo nk'umusingi w'iterambere bizakomeza kuduha umurongo tugenderaho. Twatanze n'amahirwe ku bakozi bacu bose tubongerera ubumenyi n'ubushobozikugira ngo babe ikipe y'abanyamwuga bazi icyo baharanira hagamijwe kugera ku ntego z'icyerecyezo cy'Umujyi wacu.

Mu gusoza, ndagira ngo nshimire abantu bose bitanze kugira ngo bategure, bashyire mu bikorwa, kandi banagaragaze iterambere Umujyi wagezeho muri iyi myaka itanu ishize. Turashimira kandi abaturage b'ingeri zitandukanye bigomye umwanya n'ubumenyi bwabo bakadufasha guharanira ko Kigali iba Umujyi ugezweho.

UMUJYI WA KIGALI: Irembo ry'u Rwanda

Umujyi wa Kigali uherereye mu Rwanda hagati kandi si Umurwa Mukuru gusa ahubwo ni ihuriro ry'imirimo y'ubucuruzi itandukanye ndetse n'aho ibintu byinjirira. Umujyi wa Kigali washinzwe mu mwaka wa 1907 nk'ihuriro ry'Abakoloni n'ibindi bihugu byo ku isi. Ubu Kigali imaze kuba ubukombe nk'Umurwa Mukuru w'Igihugu kandi yageze kuri byinshi bishimishije.

Si Umujyi watsinze ibigeragezo byinshi gusa ahubwo waharaniye no gukomeza kubaho kandi wabaye Umujyi wa mbere mu bunini ndetse n'umutima w'ubukungu bw'u Rwanda burimo butera imbere n'ishema rya buri Munyarwanda.

Nk'umwe mu mirwa Mikuru yo muri Afurika ifite umutekano kandi yuje urugwiro, Umujyi wa Kigali ufite umwihariko wo kugira ikirere cyiza kandi kuwugeramo ni urugendo rw'amasaha atatu mu modoka uvuye ku byiza nyaburanga. Umurwa Mukuru w'u Rwanda ni isoko y'ibyiza bitatse Igihugu cy'imisozi igihumbi kandi ni intangiriro yo gutembera muri iki Gihugu cy'ibitangaza. Umujyi wa Kigali ugizwe n'Uturere dutatu aritwo Gasabo, Kicukiro na Nyarusenge. Ubu utuwe n'abaturage bagera kuri miliyoni imwe. Kigali ni Umujyi ugizwe na 70 % by'icyaro kandi abaturage bayo benshi ni abakiri bato - urubyiruko rugize 60% - naho abagore barenga gato 50%.

Icyerekezo cya Kigali: Icyerecyezo cyacu ni ukugira Kigali umujyi utekanye, usukuye kandi ushobora guhangana n'indi mijyi, Umujyi ugezweho utanga ubushobozi buhagije bugana ku iterambere rirambye ry'abaturage n'iry'Igihugu muri rusange. Ikituranga ni 'Ugutanga Serivisi inoze.

Ikigamijwe: Ubuyobozi bw'Umujyi wa Kigali buzagera ku ntego z'icyerecyezo muri ubu buryo: Kigali iba Umujyi ugezweho utanga ibintu by'agahebuzo -, Wakira neza n'urugwiro abaturage bawo n'abashyitsi -, Umusemburo wo kwiyongera k'ubukungu bw'Igihugu -, Uharanira isura nziza y'Igihugu kandi wongera ubufatanye n'ibihugu byo mu karere n'isi yose.

Kigali yakira buri wese kandi ishishikajwe no gukorana n'abaturage b'ingeri zose. Duha agaciro umusanzu n'uruhare rw'abikorera ku giti cyabo mu iterambere. Dufatanya kandi twivuye inyuma n'inzego zitari iza Leta kandi tuzi neza ko uruhare rwazo mu guhindura umuryango nyarwanda ari ingirakamaro.

Abashyitsi

Ni ngombwa kuba ufite pasiporo yujuje ibyangombwa cyeretse ku benegihugu b'ibihugu bya Kenya na Uganda bakoresha indangamuntu zabo. Abenegihugu bo mu Bihugu byo mu Muryango w'Afurika y'Iburasirazuba (EAC) bahabwa Visa y'amezi 3 ku buntu. Umunyamahanga ushaka gusura u Rwanda ku zindi mpamvu zitari iz'akazi akaba atari umwenegihugu w'igihugu cya Hong Kong, Philippines, Mauritius, Singappour na Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo.

Gusaba visa yo Kwinjira mu Rwanda
Viza zo kwinjira mu Rwanda ziboneka muri za Ambasade z'u Rwanda ziri mu mahanga cyangwa ku mipaka aho abantu binjirira mu Rwanda. Mushobora no gusaba Viza mubicishije kuri Interineti. Mujye ku rubuga Immigration and Emigration Services musabe Viza mukoresheje Interineti.

Guhera tariki ya mbere Mutarama 2013 Abenegihugu bo mu Bihugu byose by'Afurika basura cyangwa banyura mu Rwanda bahabwa visa bakigera ku kibuga cy'Indege. Abenegihugu bo mu bihugu bya Australia, Ubudage, Israel, New Zealand, Afurika y'Epfo, Suwedi, Ubwongereza n'Amerika bahabwa visa y'iminsi 30 yo kwinjira mu gihugu batiriwe basaba ku madolari y'amanyamerika 30.

Gufata amafoto
Ushobora gufata amafoto ahari ho hose muri Kigali, keretse ahari inkambi y'abasirikari cyangwa ibigo by'abapolisi. Ushatse gufata amafoto y'abantu mu Mijyi cyangwa se mu cyaro, ni byiza kubanza kubasaba uruhushya kandi niba babishaka. Iyo utazi neza icyo ugomba gukora, ni byiza gusaba inama ukuyobora.

I Kigali hari umutekano nko mu bindi bihugu by'Afurika , ariko ni byiza gufata ingamba zimwe na zimwe, nko: kwirinda guhinduza amafaranga ku mihanda. Kwirinda imihanda igendwamo n'abantu benshi no gusiga ibintu byawe ntawe ubisigiye ngo abikurebere. Ni byiza gusiga ibintu byawe by'agaciro muri hoteri bakabikubikira.

Igihe cyo gusura Kigali
Umujyi wa Kigali ushobora gusurwa buri gihe cyose umwaka wose.

Ufite ikibuga cy'indege mpuzamahanga, cyakira buri munsi abagenzi bajya cyangwa se bava i Nairobi n'i Kampala kandi ku minsi imwe abajya cyangwa bava Addis Ababa, Buriseli, Bujumbura na Joannesburg. Hari kandi indege zijyana imizigo Amasterdam buri cyumweru. Hari indege ijya imbre mu Gihugu, ijya i Cyangugu mu majyepfo y'Uburengerazuba bw'Igihugu.

Ubuzima
Ni ngombwa kuba ufite icyemezo cy'uko wakingiwe indwara izwi ku izina rya "Fièvre jaune" niba waramaze umwanya ahantu hari iyo ndwara.

Ni byiza gufata imiti yo kwirinda malariya. Ushobora kubaza muganga wawe akakwandikira imiti ikenewe ivura malariya n'uburyo bwo kuyinywa. I Kigali ndetse n'ahandi hatari mu misozi hejuru, ni ngombwa kuryama mu nzitiramibu mu rwego rwo kwirinda malariya.

Si byiza kunywa amazi yo kuri robine. Ni ngombwa kubanza kuyateka cyangwa ukagura amazi mvaruganda mu maduka. Izuba ryo kuri Ekwateri ntawe umenya aho riturutse n'iyo hari ibicu. Ni ngombwa kugira indorerwamu z'izuba n'amavuta yo kwisiga arwanya ubukana bwaryo.

Gutwara abantu
I Kigali hari tagisi z'imodoka nyinshi (zizwi ku izina rya 'taxi voiture'), zikunze kuba zifite ibara rya orange ku mpande zombi. Ibiciro biri hagati y' amafaranga y'amanyarwanda1000 ($1.75) na 2500 ($4.50) kuva ahantu ujya ahandi mu Mujyi. Hari kandi n'amapikipiki ya tagisi ('taxi moto').

Akora akazi nk'aka tagisi z'imodoka, ari ku biciro biri hasi, biri ku mafaranga y'amanyarwanda ari hagati ya 200-1000 bitewe n'aho ushaka kwerekeza mu Mujyi. Hari kandi bisi nini zitwara abagenzi buri munsi zerekeza mu bihugu by'Afurika y'Iburasirazuba.

Inyinshi zihagurukira muri Gare ya Nyabugogo kandi zose zifite ibyuma bigabanya cyangwa bikongera ubushyuhe.

MTN Mobile Money
niyo yizewe!
Kanda *182# winjire
mw'isi nshya
y'amafaranga meza.
MTN
Mobile Money
ORION
BIJOUTERIE

Iterambere ry'Ubukungu

Guteza imbere abikorera ku giti cyabo

Gusura Umujyi wa Kigali, Umurwa w'u Rwanda biguha guhora utekereza uburyo umurwa w'imisozi igihumbi wahindutse. Kutagira igishushanyo mbonera cy'Umujyi ku ikubitiro byawubereye imbogamizi zo kudetera imbere. Ariko bitewe n'uburyo bwo gutanga servisi zinoze mu bikorwa by'ubucuruzi, byahinduye isura y'Umujyi urushaho gutera imbere ukaba umaze kuba ubukombe. Impinduka zakozwe mu myaka itanu ishize mu rwego rw'ubucuruzi ni intera ikomeye mu gushyiraho urwego rw'abikorera rufite ingufu.

Izi mpinduka zatumye habaho amashyirahamwe y'imirimo ihuza abanyamwuga nk'abubatsi, abakora ibishushanyo mbonera, guhuza serivisi, igabanyuka ry'ibiciro, ibi byose bikaba bi\yaragize uruhare mu igabanyuka ry'igihe. Itegurwa ry'igishushanyo mbonera, uburyo bushya bwo gusaba ibyangombwa hifashishijwe ikoranabuhanga, kubona igishushanyo mbonera hifashishijwe GIS, ikoreshwa rya Risk Based Approach byateje imbere ubukungu binazamura imibereho y'abaturage mu myaka itanu ishize. Kurabagirana k'Umujyi wa Kigali ni ikimenyetso ntakuka cy'iterembere ryihuse ry'Umujyi w'uburanga. Ibyo bikajyana nanone n'ingamba z'isuku n'ubuziranenge nko gushyiraho amabwiriza y'inyubako zigezweho n'uburyo bwo kugenzura.

Kubera ko ubushozi bwa Leta budahagije, umusanzu w' urwego rw'abikorera ku giti cyabo ni inkunga ikomeye ku iterambere ry'Igihugu.

Jean Bosco IRADUKUNDA,

Umuzamu ku nyubako ya CHIC ufite imyaka 21

Ishize imyaka hafi ine ngeze i Kigali. Naje ngerageza amahirwe yo gushakisha akazi. Gusubira mu cyaro aho namaze hafi icya kabiri cy' ubuzima bwanjye bwose nabyo byari ihurizo rikomeye. Ababyeyi banjye ni abakene ku buryo byabaye ngombwa ko ncikisha amashuri mu mwaka wa gatandatu w'amashuri abanza.

Ku bw'amahirwe ariko nkaba mfite mubyara wanjye ukora hano kuri CHIC ari nawe wandangiye akazi k'ubuzamu kuri iyi nyubako kuva igitangira. Tukaba turi abazamu bane dusimburana babibi babiri. Aka kazi ni ingirakamaro kuri njye. Mbere nasabaga ababyeyi icyo nkeneye cyose kandi nabo birya bakimara n'ubwo batabinyerekaga. Inzozi zanjye zikaba zari izo gushaka akazi kambeshaho nkabasha no kohereza amafaranga afasha ababyeyi banjye.

Ubu aho ngeze aha nshobora kwigurira icyo nkeneye ndetse nkaba naravuye kwa Mubyara wanjye aho nari ncumbitse mbasha kwikodeshereza inzu mbanamo n'indi nshuti yanjye. Nkaba rwose ubu nishimira ko nitunze. Byongeye kandi, mbasha kwizigamira icya kabiri cy'umushahara kugira ngo kizamfashe kwiga imashini yo kudoda igihe aka kazi kazaba karangiye.

Gushaka ni ugushobora.

Koperative y'ababoha uduseke

Iyi ni Koperatove y'abategarugori 70 bifatanyije kugira ngo biteze imbere bateze imbere n'Igihugu muri rusange. Koperative igitangira mu mwaka wa 2012, bigabanyijemo amatsinda y'abakora inigi, amaherena n'uduseke. Jeane d'Arc MUKAMURERA watangije igikorwa avuga ko bagitangira byari bibakomereye ariko bagerageza kuba intwari.

Sandrine UWACU umazemo imyaka igera kuri itatu ahamya ko koperative yazamuye imibereho y'abanyamuryango. Ati "dufite amafaranga duteranya tugafasha umunyamuryango ugize ikibazo cyo kubura amafaranga y'ishuri, ayo kwivuza cyangwa gusana inzu".

MUKAMURAMA, umwe mu batangije koperative ashimira Ubuyobozi bw'Umujyi wa Kigali n'ubw'Igihugu muri rusange kuba bwarateje imbere umugore.. Aragira ati "uyu munsi dufite inkunga y'ibitekerezo n'iy'ubushobozi kandi kuba dushyize hamwe ntituzongera gukenera inkunga yo hanze".

Guhindura Umujyi wa Kigali "Smart City "

Imijyi yose yo ku isi ifata ikoranabuhanga nk'intwaro ikomeye yo kugera ku Mijyi y'agahebuzo izwi ku izina rya "Smart City". Mu mwaka wa 2013 na 2014, Umujyi wa Kigali umwe mu Mijyi isukuye yo muri Afurika yatangiye urugendo rwo kugira Kigali, Umujyi ukoresha ikoranabuhanga ku buryo bworoshye. Mu gihe hamurikwaga "Smart City " ku mugaragaro Abaminisitiri batandukanye muri Guverinoma, Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali n'abanyamakuru bishimanye n'abaturage muri urwo rugendo hamurikwa ku mugaragaro interineti mu mudoka zitwara abagenzi.

Kigali kandi yinjije ikoranabuhanga mu bikorwa byayo byose, urufunguzo rw'ingenzi mu gukemura ibibazo fifashishijwe ikoranabuhanga kandi hatangwa serivisi ku buryo bunoze biganisha ku iterambera. Ibi byabaye imbarutso yo kugera ku bukungu bushingiye ku bumenyi nk'uko bikubiye muri gahunda ya Leta y'iterambere.

Gukoresha WI-FI byoroheje akazi kanjye

Daniel SABITI, Umunyamakuru wigenga wo mu Murenge wa Kimironko

Akazi kanjye kansaba kuba nshakisha buri gihe. Nk'umunyamakuru ngomba gutara inkuru no kugerageza kureba ko zisohokera igihe. Mu myaka yashize, akazi kanjye kari indyankurye. Nasabwaga gutara inkuru nkayishyikiriza Umuyobozi w'Ikinyamakuru kare mu gitondo.

Iyo yakeneraga ibisobanuro byabaga ngombwa ko mbimuha twicranye. Ariko ubu byaroroshye kuko nkoresha telefoni yanjye igendanwa na mudasobwa bitansabye kuba ndi mu biro buri kanya.

Ubu iyo maze gutunganya inkuru, nshakisha ahari interineti kuko ni henshi mu Mujyi nkabyohereza. Iyo Umuyobozi w'ikinyamakuru ansabye ibisobanuro anyohereza e-mail cyangwa ubutumwa bugufi kuri telefoni igendanwa inkuru igakosorwa bidatwaye umwanya munini.

Ibi byanyorohereje akazi kuko ubu mbasha gukora inkuru nyinshi ugereranyije na mbere, bivuze ko iyo ukwezi gushize mpembwa amafaranga atubutse Ubu mbasha gukorera ubushakashatsi ahantu hose hari interineti bityo n'umushahara ukiyongera. Mvugishije ukuri WI-Fi yabaye igisubizo ku bantu nkanjye badakunda gukorera mu biro.

Otieno Nondo, Umunyakenya utuye Kacyiru

Mu myaka ine ishize nkigera i Kigali, kumenya ahantu byarangoraga kubera ko nari menyereye imihanda yo muri Kenya ifite amazina. Iyo mu Rwanda yarangoraga cyane. Ariko nyuma naje gusanga ko byoroshye kuyimenya ukoresheje Google Maps. Icyo ukora gusa ni ukumenya nimero y'umuhanda na aderesi y'aho uherereye, ugakurikiza amabwiriza ubundi ikabikwereka.

Ibindi byiza bya nimero y'umuhanda ni uko abatwara moto bose bahazi. Ubabwira nimero y'umuhanda ubundi ukaba wizeye ko utari buyobe kuko bahakugeza utagize undi muntu uyoboza, bikaba bigabanya igihe ndetse n'amafaranga ukoresha.

Ariko rero n'ubwo maze kurondora ibyo byiza, hari ubwo bigora abantu kumenya ahantu nk'abadafite telefoni zigendanwa zikoresha Google Maps, nkaba nkeka ko ku byapa hashyizweho n'amazina y'imihanda byarushaho kuba byiza bikorohereza abatembera mu Mujyi.

Kigali Umujyi urabagirana

Kwaguka kwiyongera kw'inyubako mu MIjyi iyo ariyo yose bifatwa nka moteri y'iterambere ryihuse naho iterambere ry'ibikorwaremezo rigafatwa nka lisansi y'iyo moteri. Gushora imari mu bikorwaremezo nko mu nyubako z'ubucuruzi, amahoteri amashuri n'amavuriro byateje imbere Umujyi wa Kigali ku buryo bugaragara biwugira Umujyi w'ikitegererezo ku isi. Mu mpera z'umwaka ushize sosiyete z'ubwubatsi nka Marriot Hotel, CHIC Ltd, Executive Investiment, Down town Ltd, New Century Ltd, ACACI, COGEAR, ndetse na COGEBANQUE zagize uruhare runini mu gushora imari yazo mu bwubatsi bw'amazu manini y'ubucuruzi.

N'ubwo ariko ubukungu bwa Kigali burushaho gutera imbere, haracyari imbogamizi zo kubona amacumbi no kubaka inzu zo kubamo ku giciro gicirirtse. Mu guhangana n'izo nzitizi, ubuyobozi bw'Inama y'Umujyi wa Kigali bwahagarukiye igikorwa cyo kureshya abashoramari , kubaka amazu yo kubamo bikaba byarazamuye umubare w'ibibanza byo kubakamo amazu yo kubamo ku bufatanye bw'inzego za Leta n'abikorera haba ku bashoramari bo mu Rwanda ndetse n'abo mu mahanga.

Kubona uruhushya rwo kubaka ku buryo bworoshye, gutegura igishushanyo mbonera cy'umujyi, guteza imbere ubucuruzi, gusana Umujyi n'indi mikorere y'uburyo bwinshi harimo iyo kureshya abashoramari, byazamuye iterambere ry'ubukungu. Ibyo bigaragarira mu nyubako nka Kigali Heights, CHIC, MIC , Marriot Hotel, Peace Plaza n'izindi zabaye ifumba yo gutanga akazi zimaze kuzura.

UKO BABIBONA

Jean Bosco IRADUKUNDA,
Umuzamu ku nyubako ya CHIC ufite imyaka 21

Hshize hafi imyaka ine ngeze i Kigali. Naje nje ngerageza amahirwe yo gushakisha akazi. Gusubira mu cyaro aho namaze hafi icya kabiri cy' ubuzima bwanjye bwose nabyo byari ihurizo rikomeye. Ababyeyi banjye ni abakene ku buryo byabaye ngombwa ko ncikisha amashuri mu mwaka wa gatandatu w'amashuri abanza.

Ku bw'amahirwe ariko nkaba mfite mubyara wanjye ukora hano kuri CHIC ari nawe wandangiye akazi k'ubuzamu kuri iyi nyubako kuva igitangira. Tukaba turi abazamu bane basimburana babibi babiri. Aka kazi ni ingirakamaro kuri njye. Mbere nasabaga ababyeyi ibyo nkeneye byose kandi nabo birya bakimara n'ubwo batabinyerekaga. Inzozi zanjye zikaba zari izo gushaka akazi kambeshaho nkabasha no kohereza amafaranga afasha ababyeyi banjye.

Ubu noneho nshobora kwigurira icyo nkeneye ndetse nkaba naravuye kwa Mubyara wanjye aho nari ncumbitse mbasha kwikodeshereza inzu mbanamo n'indi nshuti yanjye nkaba rwose nishimira ko nitunze. Byongeye kandi mbasha no kwizigamira icya kabiri cy'umushahara kugira ngo kizamfashe kwiga imashini yo kudododa igihe aka kazi kazaba kahagaze.

Imihanda ya Kaburimbo yubatswe yatumye Kigali iba nka Paradizo mu Bihugu by'Afurika y'Iburasirazuba.

Jean de Dieu UFITINEMA, umushoferi

Ndi umushoferi wabigize umwuga nkaba maze imyaka itanu nkora akazi ko gutwara imodoka mu Mujyi wa Kigali. Mu iterambere nabonye muri iyi minsi harimo iryo kubaka imihanda mu Mujyi wa Kigali.
Mu myaka itanu ishize ntangiye aka kazi, njye na bagenzi banjye dusangiye umwuga twahuraga n'ibibazo bikomeye. Ariko ubu urebye uko imihanda imeze n'uburyo ikoreshwa birantngaza cyane. Mu bice byose by'Umujyi no mu nkengero zawo, ahakorewa ubucuruzi n'ahagenewe guturwa hose hagenda hubakwa imihanda.

Imihanda imwe igenda ihangwa iyindi ikagurwa. Mbere y'uko ibi byose bikorwa, habaga "ambouteillage" umuntu akamara amasaha n'amasaha mu nzira. Lisansi nayo yari ikibazo ku batwara moto n'imodoka ugasanga ba nyirazo bafite ubwoba bwo kuzinyuza muri iyo mihanda.

None uyu munsi gutwara imodoka muri Kigali biroroshye kandi biranejeje. Imihanda yaguwe ituma abatwara moto bagera iyo bajya biboroheye. Ibyiza by'iyi mihanda ya kaburimbo kandi ni uko yagabanyije impanuka ku buryo bugaragara. Muri rusange umuntu yavuga ko intambwe yatewe mu kubaka imihanda mu Mujyi wa Kigali mu gihe cy'imyaka itanu ari iyo gushima.

Kigali mu guteza imbere ibikorwaremezo hubakwa imihanda

Iterambere ryihuse ry'Umujyi wa Kigali, ryawushyize ku mwanya w'Imijyi igaragaza umuvuduko nk'uko bigaragazwa na Banki y'isi. Mu rwego rwo kubishyira mu ngiro, ni ngombwa gushyiraho ibikenewe mu ishoramari ry'ibikorwaremezo nko kunoza imiyoboro y'ibikorwaremezo bitanga icyizere ku buzima bwiza kandi buzira umuze bw'abawutuye. Mu myaka itanu ishize, Umujyi wa Kigali wahagarukiye guteza imbere ibikorwaremezo byo kubaka imihanda mu Mujyi rwagati no mu nkengero zawo.

Abanyamaguru bagenda mu mihanda y'Uturere dutatu tw'Umujyi wa Kigali nibo batanga ubuhamya bufatika bw'ishormari ryakozwe n'Inama y'Umujyi wa Kiagli mu guteza imbere ibikorwaremezo hubakwa imihanda. Uko iminsi igenda ihita niko Umujyi wa Kigali urushaho kwita ku bikorwaremezo byo kubaka imihanda byongera urujya n'uruza mu Mujyi bityo bikagira uruhare mu guha isura nshya umujyi wa Kigali.

Kuva mu mwaka wa 2011-215, Km zirenga 100 zashyizwemo kaburimbo zishyirwaho n'amatara bigatuma Kigali irushaho kurabagirana ku buryo wifuza kuyitemberamo n'amaguru mu masaha wumva akunogeye. Igikorwa cyo gutunganya imihanda cyarakomeje ku buryo umwaka ushize huzuye indi mihanda 12 y'amabuye ifite uburebure bwa km 36.5 mu bice bitandukanye by'Umujyi.

Anastase NAMUKUJIJE, Kacyiru

Imihanda ya kaburimbo ihindura ubuzima bw'aho dutuye

Aha hantu hari hababaje cyane kandi nyamara habarizwa inyubako za ambasade, ibikorwa binyuranye bya Leta n'by'imiryango mpuzamahanga, muri iyi minsi ariko hakaba haherutse gushyirwa umuhanda.

Kuri Anastase NAMUKUJIJE, umucuruzi w'amakarita yabibonyemo inyungu igaragara aho agira ati: "Abantu benshi batinyaga uyu muhanda kubera umukungugu wari uhari, igihe cy'imvura bwo ntawahanyuraga kubera ibyondo.

Ariko kuva aho uyu muhanda ukorewe , hubatswe amazu menshi y'ubucuruzi iruhande ubucuruzi bwanjye nabwo buriyongera". Yungamo ati "natangiye ncuruza amakarita yo guhamagara ariko uko ubucuruzi bumaze kwiyongera hafi y'umuhanda, umuturanyi yangiriye inama yo kuguza aamafaranga nkagura EBM, nahise mbikora none ubu ncuruza amakarita nkagurisha n'umuriro".

Uko gutwara abantu byifashe

N'ubwo Kigali igihura n'inzitizi zo kunoza servisi zo gutwara abantu mu Mujyi, hari intambwe yatewe mu gutwara abantu n'ibintu mu myaka itanu ishize.

mabwiriza mashya yo gutwara abantu mu Mujyi kuva mu mwaka wa 2011 kugeza mu mwaka wa 2015, yagize impinduka zikomeye mu mibereho n'ubukungu mu kugabanya igiciro cyo gutwara abantu kubera imihanda myinshi yashyizweho. Ibi bigendana no kugabanya igihe abantu bamaraga bategereje imodoka cyangwa ibindi binyabiziga.

Kubera impinduka zabaye mu buryo bushya bwo gutwara abantu, abagenzi bishimiye ubwo buryo bwo kudatakaza igihe mu mihanda irimo abagenzi benshi, ibiciro by'imodoka byashyizweho ndetse n'uburyo ingendo zorohejwe.

Gutwara abantu ni umwihariko kuri buri wese

GAKWAYA Allanson

Ushinzwe Abakozi muri Kigali Employment Service

Ku bwanjye , uburyo bwo gutwara abantu mu Mujyi wa Kigali ni ubwa mbere muri Afurika y'Iburasirazuba. Abakora uwo murimo wo gutwara abantu usanga bafite isuku kandi n'imodoka batwara ziba ari nshya kandi zuzuje ibisabwa.

Zimwe muri zo ndetse zifite interineti ku buryo njye navuga ko uburyo bwo gutwara abantu mu Mujyi wa Kigali binogeye buri wese. Iyo gutwara abantu bikorwa neza ntibiba bikiri ngombwa ko abafite imodoka zabo bwite bazifashisha.

Ibi bikaba ari nabyo bigabanya imodoka nyinshi mu muhanda nk'uko bikunze kugaragara mu Mijyi myinshi yo ku isi.

Ku bwanjye nkeka ko muri iyi myaka ishize, Kigali yateye intambwe ishimishije mu rwego rwo gutwara abantu ugereranyije n'ibindi bihugu byo muri aka Karere. Umujyi wa Kigali wakoze agashya mu gushyiraho uburyo bushya bwo gutwara abantu. Nk'umuturage wa Kimironko ukorera KImisagara, mushobora gukeka ko bigoye kugera ku kazi ariko nababwira ko ntigeze ngira ikibazo na kimwe n'ubwo mva ku kazi nkererewe.

Mu myaka itatu ishize ibintu byagiye mu buryo. Hari bisi nyinshi zigana mu byerekezo bitandukanye kugeza no mu duce abagenzi bagorwa no kubona imodoka.

Guha abagenzi amahitamo menshi: Kohereza bisi mu duce twinshi byatworohereje ingendo

DUSABE Joyce, KABEZA

Ntuye Kabeza ariko nkorera Kacyiru. Gutega imodoka ni ibintu biri mu buzima bwanjye kandi ndabikunda kandi noneho ubu abagenzi bafite mahitamo.

Muri buri duce twose tw'Umujyi wa Kigali ushobora kwizera kubona bisi ikugeza ku kazi. Mbere twahuraga n'ikibazo cyo kutabona imodoka ziva Kacyiru zerekeza Kabeza.

Abashoferi benshi bumvaga ko hari amafaraga ariko ari kure bagahitamo kuyahara. Byaratworoheraga kuba twakorera gahunda zacu mu Mjyi rwagati ariko iyo washakaga kugera ku Kacyiru, byagusabaga kugenda n'amaguru ukagera ku Giporoso cyangwa ugahitamo gutega kabiri kuko bitari byoroshye kubona bisi iva ku Giporoso igera Kacyiru idahagaze. Ubu ibyo byabaye amateka cyeretse nko kuba bisi yatinda kuhagera mu gitondo ariko ubundi iikibazo cyaracyemutse.

Kwita ku bidukikije no kubungabunga umutungo kamere

Uretse umuvuduko w'iteramabere ry'Umujyi wa Kigali, ntitwakwirengagiza no kuvuga ko Kigali ari Umujyi usukuye kandi utoshye. Hagati ya 2011 na 2015, hakozwe ubukanguramabaga bwo kubungabunga ibidukikije. Gutembera mu Mujyi no mu nkengero zawo bituma wumva uguwe neze uhumeka akayaga gaturuka mu biti biri ku nkengero z'umuhanda mu Mujyi wose.

Ibi bikaba byaratumye mu myaka itanu ishize, mu Mujyi wa Kigali hatekerezwa igishushanyo cy'ahakwiye guterwa ibiti ku nkengero z'imihanda. Mu gushyigikira iryo terambere ry'ibidukikije, mu mwaka wa 2015 hateguwe ubuhumbikiro bw'ibiti ibihumbi Magana atatu na makumyabiri (320.000) bifite umwihariko wo gutanga umwuka mwiza ndetse bikanafasha gufata amazi y'isuri.



Ndi mu bafite ubuhamya natanga kuri politiki yo kugira umujyi utoshye

Victor NTEZIMANA, umushoferi

Ninaje ingemwe z'ibiti ahantu hatatu mu myaka ine ishize kubera politiki y'Umujyi wa Kigali yo kugira Umujyi utoshye. Kubera ko ndi Kanyamashyamba, wari umwanya kuri njye wo gukorera amafaranga nyakuye ku byo nize.

Kubera politiki nziza y'Umujyi wa Kigali, nabashije kubona ubutaka bwo guteraho ibiti nta kiguzi ntanze. Icyo nasabwaga gukora gusa kwari ukwaka urushushya ku Karere ka Kicukiro nkaba nararuhawe ntacyo ntanze , inkunga yamfashije gutangira igikorwa cyanjye. Ubu uretse kwinjiza amafaranga nanishimira ko ntanga umusanzu wanjye mu kugira Umujyi utoshye.

Kugeza ubu abakiliya banjye benshi mbona ni abatuye Umujyi wa Kigali ariko nteganya kwagura amarembo nkagurisha indabo n'ibiti ku rwego mpuzamahanga.

Akenshi mbona abakiliya mu gihe cy'imvura ariko hari igihe nshobora kumara amezi ane cyangwa arenga nta n'uwa kirazira. Iyo ibihe bimeze neza nshobora kugurisha ibiti bigera ku ijana ariko hari igihe ntagurisha na kimwe.

Umuyoboro wa Rwabutabura wakijije ubuzima bw'abantu

RUGIMBA Hessein, utuye mu Mudugudu wa Rugarama, Umurenge wa Nyamirambo, ufite imyaka 54

Nta muntu wakwirengagiza ko uyu muyoboro wakijije imbaga y'abaturage kuko uri mu yatumye ubuzima bwabo butera imbere n'ubwo hari ababona ibibi gusa. Nibyo koko mbere y'uko uyu muyoboro wubakwa, hari abahasize ubuzima. Ndibuka rimwe hari umusore wituyemo agerageza kwambutsa igare rye yari ahetseho umufuka w'amakara, imvura yari imaze guhita, n'uko uwo mwana w'umusore agenda abantu bose bareba , tumwirukaho ariko biba iby'ubusa. Byari bibabaje.

Nyuma yaho hubatswe urutindo ku buryo uyu munsi abo hakurya no hakuno barahahirana nta nkomyi. Imodoka zisanzwe ndetse n'iziremereye nta yatinyukaga kunyura kuri uru rutindo rufite km 3 z'uburebure ariko ubu birashoboka.

Kuzamura imibereho

Guteza imbere ubuzima

Mu myaka itanu ishize, Umujyi wa Kigali wageze ku iterambere ryihuse mu bunini no mu bikorwa. Ni muri urwo rwego Umujyi wa Kigali wibanda ku rwego rwo guteza imbere ubuzima bwiza hashingwa ibigo nderabuzima, hashyirwaho uburyo bunoze bwo kubona servisi ibyo bigo bitanga.

Mu myaka itanu ishize, Abajyanama na Komite nshingwabikorwa b'Umujyi wa Kigali batangije igikorwa cyo kongera umubare w'ibigo nderabuzima mu Mujyi wa Kigali. Kubaka ibigo nderabzuima yari intego yo guhangana n'imbogamizi zo kutabona imiti ku buryo bworoshye ndetse no gufasha abaturage kubona servisi z'ubuzima.

Ibigo nderabuzima: gutanga serivisi zinoze z'ubuzima kandi zegereye abaturage

Mutoniwabo Christine , Umurenge wa Kinyinya, Umudugudu wa Gasharu ufite imyaka 50

Ndubatse nkaba ndi umubyeyi. Hashize imyaka itari mike ntuye Kinyinya. Kuva ndi umwana nabonye iterambere ryahakorerwaga. Imihanda mishya yarubatswe, inzu zizamurwa ubutitsa zirushaho guhindura isura y'umujyi. Muri make ibikorwaremezo by'aka gace byariyongereye.

Ariko nyuma ya jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ibintu byarahindutse cyane, abacitse ku icumu batwubakiye amazu twongera kugarura ubuzima ariko hari ikintu kimwe kitazamva ku mutima. Umujyi wacu na Leta y'u Rwanda muri rusange batwegereje Ibigo nderabuzima.

Mfite umugabo urwara ihahamuka kubera ibikomere bya Jenoside, iyo ntagiye i Ndera gufata imiti mpinira hafi nkajya ku kigo nderabuzima hano i Kinyinya ngahabwa serivisi z'ubuzima ndetse n'abana banjye nta bwoba bagira bwo kujya kwivuza.

Mu myaka mike ishize , ntiwashoboraga kuvurwa ku buryo bworoshye kubera ko ibigo nderabuzima byari bihari byari bike kandi biri kure cyane bigatuma indwara irushaho kwiyongera kubera kubura uko wivuza rimwe na rimwe bigakurizamo n'urupfu.

Kongera ubushobozi bw'umugore mu rwego rw'ubukungu

URwanda ruzwiho kuba ruharanira guteza imbere uburinganire bw'abagabo n'abagore mu iterambere ry'Igihugu mu nzego zose. Umujyi wa Kigali nawo ukaba utarasigaye inyuma mu guteza imbere ihame ry'uburinaganire no guha ubushobozi abagore mu rwego rw'ubukungu.Mu myaka itanu ishize , Umujyi wa Kigali wateye intambwe igaragara mu kuzamura ubukungu n'imibereho y'a agore n'urubyiruko mu rwego rwo kuzamura imibereho yabo. Iki gikorwa cyasabaga ko Umujyi wa Kigali ufata ingamba zituma abagore n'urubyiruko babasha kubona amafaranga.

Ibi byakorewe cyane cyane abagore bakora ubucuruzi bwo mu muhanda bahurijwe hamwe mu masoko kugira ngo bakore ubucuruzi bufite intego. Niyo mpamvu mu myaka icumi ishize abo bagore bubakiwe amasoko 10 mu Turere 3 tw'umujyi wa Kigali, 5 muri Gasabo , 3 muri Kicukiro n'abiri muri Nyarugenge. Mu rwego rwo gufasha abatishoboye kugira ngo babashe kwigira, mu 2013 hahuhuguwe abagore barenga 300 mu bijyanye n'ubukungu no kwihangira umurimo. Muri uwo mwaka kandi, abagore bagera kuri 298 bahuguwe ku gutegura umushinga mu gihe muri 2015 hakozwe amahugurwa ku bagore 750 yo kubongerera ubushobozi mu kuyobora umushinga, kwamamaza no kubongerera ubumenyi mu bijyanye n'ubukungu.

Umwana w'umukobwa wikorera ku giti cye

MUSANIWABO Mary, Umukobwa ukora umurimo w'ubucuruzi, ufite imyaka 22

Nkimara kuva mu ishuri kubera amikoro make y'ababyeyi yo kundihira ishuri nari nzi ko ubuzima buhagaze. Nahise numva nihebye ntangira no gushaka kuba nakora igikorwa kigayitse ariko undi mutima umbwira ko hari ikindi nakora.

Nahise nza i Kigali mbona akazi ko gukora mu kabari nakira abakiriya. Amafaranga nakoreraga hafi ya yose narayabikaga kuko numvaga ntashobora kugeza ku myaka itatu nkikora ako kazi.

Maze kugeza ku bihumbi Magana ane (400.000 Frw) nibwo negereye abantu b'inshuti zanjye batandukanye bangira inama yo kwegera ibigo by'imari nkabagisha inama.

Nahise nisunga BDS yamfashije gukora nifitiye icyizere kandi nkoresheje ubwenge bwanjye. Nibwo nahise niyemeza kwikorera mpita nshinga akabari kanjye ndetse uyu munsi nkaba mfite intego yo gusubira mu ishuri kugira ngo inzozi zanjye zibe impamo.

Nashoboye kugira ubuzima bufite intego mbikesheje kwiga mu ishuri ry'imyuga

AYINKAMIYE Eugenie, Umucuruzi wikorera utuye mu Mudugudu wa Murama Umurenge wa Kinyinya

Iyo udafite ubushobozi bwo kujya mu ishuri, inzozi zawe zose zirayoyoka. Ibi nibyo byambayeho igihe naburaga amafaramga yo kunyishyurira ishuri. Ariko ndashimira abayobozi beza banyegereye bakantangira amafaranga yo kwiga mu ishuri ry'imyuga binyuze muri porogaramu yatangijwe mu mujyi wa Kigali yo kunganira abana b'abakene bacikishije amashuri yabo kubera ubushobozi buke.

Bamfashije kwiyandikisha mu kigo cya Akila aho nize uburyo bwo gucunga amahoteri mpavana impamyabushobozi. Maze kuyibona nahise nibagirwa iby'igihe cyashize ahubwo nahise nshyira inzozi zanjye mu bikorwa. Ubu uyu munsi ndikorera ku giti cyanjye aho ngemura amasambusa na keke muri butike zo mu gace ntuyemo.

Kongerera urubyiruko imbaraga mu bikorwa rusange, umusanzu w'ingenzi mu iterambere ry'Umujyi wa Kigali

Gushyira imbere gahunda z'ibikorwa rusange, uruhare rw'abikorera ku giti cyabo no guteza imbere ubumenyi nk'urufunguzo rw'iterambere ry' ibikorwa by'ubukungu ku rubyiruko byatumye rurushaho kwihangira imirimo. Mu myaka mike ishize hashyizwe imbaraga kuri gahunda zo guhanga umurimo ku rubyiruko hatangwa amahugurwa ku murimo no kongera ubumenyi bw'imyuga na tekiniki. Mu myaka ibiri ishize, Umuyi wa Kigali ufatanyije n'abikorera ku giti cyabo bateguye amahugurwa yari agamije guhuza abashaka akazi n'abagatanga. Nyuma y'ayo mahugurwa, hateguwe igenamigambi ry'imyaka 5 n'amasezerano y'ubwumvikane yasinywe mu 2014 hagati y'ibigo by'abikorera ku giti cyabo n'Umujyi wa Kigali. Aya masezerano yari agamije kureba ahantu hashobora kuboneka imirimo ku rubyiruko n'ubufatanye bwakorwa hashingiwe kuri ayo mahugurwa.

Umujyi wa Kigali ukomeje gushyira imbaraga mu gutegura gahunda z'urubyiruko zishingiye ku iterambere ry'ubukungu binyuze mu rwego rw'nganda n'ikoranabuhanga ndetse no guteza imbere ubumenyi cyane cyane mu rubyiruko.

Kigali Employement service mu guhuza urubyiruko n'abakoresha

RUGWEGWE Olivier NGIRUMUVUGIZI ufite imyaka 26. Yarangije Kaminuza ya Bugema akaba ashaka akazi

Narangije kwiga amashuri Makuru muri Kaminuza ya Bugema , i Bugande nkaba mfite impamyabumenyi mu icungamutungo. Hashize amezi abiri ngeze muri Service Center ariko mvugishije ukuri hari ibintu ntashoboraga kwikorera ubwanjye nko gushaka akazi. Abantu bazi ko gushaka akazi ari ibintu byoroshye ariko sibyo.

Abantu benshi barangije kwiga birirwa bazenguruka Umujyi n'ibyangombwa bisaba akazi bakamara imyaka n'imyaniko bashaka akazi ariko ntibakabone bikabaviramo no kwiheba. Iki kigo cyanyigsihije byinshi birimo kwandika ibaruwa isaba akazi , cyamfashije kubona aho nimenyereza akazi , kinyigisha gusaba akazi nifashishije ikoranabuhanga, gutegura umwirondoro wanjye n'ibindi ntarondora. Nkaba nizera ko ntazongera kumara andi mezi atatu ntarabona akazi.

Ubu noneho nshobora gutunga umuryango wanjye.

Alexis SIBOMANA w'imyaka 32

Ngitangira akazi ko gutwara moto mu mwaka wa 2009 twari bake cyane mu Murenge kandi nta gahunda dufite. Buri wese yakoraga ukwe ndetse akajya mu gace ashatse bikanatugora kubona uruhushya rwo gutwara ikinyabiziga kuko nta shyirahamwe twari dufite ryabidufashamo, buri wese akora uko abyumva ubundi rugaca Imana. Ku bw'amahirwe mu minsi ishize twaje kwibumbira mu makoperative atureberera mu kazi akanaturengnura mu gihe duhohotewe n'ubuyobozi cyangwa abantu ku giti cyabo.

Ubu uyu munsi , buri moto ifite icyerekezo ikoreramo n'aho itegerereza abagenzi atari nko mu bihe byashize. Byongeye, imihanda yo mu Mujyi wa Kigali yaratunganyijwe cyane muri iyi myaka itanu ishize.

Imyinshi yashyizwemo kaburimbo bigabanya umwanya umuntu yamaraga mu muhanda, lisansi no kujya mu igaraji buri kanya binagabanya impanuka. Nanone kandi gukora ninjoro nta mpungenge tukigira kuko ubu imihanda hafi ya yose yashyizweho amatara.

Uburezi

Kugira uburezi bufite ireme byari imbogamizi ikomeye ku Mujyi wa Kigali. Nyamara ariko ku bufatanye hagati yabikorera ku giti cyabo na Minisiteri y'Uburezi, umubare w'amashuri ya Leta n'ayigenga wariyongereye , amashuri mpuzamahanga na za Kaminuza nayo afungura imiryango mu Mujyi. Ibi byagabanyije umuzigo ababyeyi bagiraga bajyana abana babo mu Bihugu duturanye mu rwego rwo gushaka amashuri yigisha neza.

By'umwihariko kuva mu 2011, Umujyi wa Kigali watangije gahunda y'ubukangurambaga bwo guteza imbere uburezi. Ibi byakozwe ku bufatanye na Minisiteri y'Uburezi n'amashuri yo mu Mujyi wa Kigali hagamijwe kureba uko ireme ry'uburezi ryatezwa imbere mu Turere 3 tw'Umujyi.

Mu myaka ikurikiyeho, Umujyi wa Kigali ufatanyije na Minisiteri y'Uburezi n'abikorera ku giti cyabo bateje imbere igikorwa cyo gukunda gusoma n'uburyo bw'imitekerereze mu banyeshuri bo mu Mujyi wa Kigali.

Ni muri urwo rwego mu 2013 hateguwe amarushanwa yo kwandika no gusoma mu bigo 60 aho abana 10 ba mbere bahabwaga ibihembo bigizwe n'ibitabo n'isakoshi ndetse n'abanyeshuri bose babashije kwitabira bagahembwa igitabo. Ibyo ntibibyarebaga abanyeshuri gusa kuko hasuzumwaga n'ubushobozi bw'abarimu babigisha.

Hatangijwe kandi igikorwa cyo gusura amashuri atandukanye mu Mujyi wa Kigali hagamijwe guteza imbere imyigishirize n'imitsindire mu mashuri yo mu Mujyi wa Kigali. Mu bice bimwe na bimwe hakibandwa ku gushyigikira ababana n'ubumuga, abarimu no kurushaho gushyigikira ubwitabire bw'imiryango.

Kwisuzuma ubwacu byaduteje imbere

UWIBARUTSWE Riveriene,
Umwarimu wa GS Gisozi 1

Hashize imyaka 6 nkora umurimo w'ubwarimu. Ngitangira kwigisha muri iri shuri ryari rifite ibibazo by'ingutu haba mu miterere ndetse no mikorere y'uburyo twatangaga amasomo.

Ariko uko imyaka yagiye ihita, ishuri ryageze ku ntera ishimisihije ku buryo kugeza ubu tubarirwa mu mashuri atsindisha cyane mu marushanwa ategurwa n'Umujyi wa Kigali.

Iryo genzura ritegurwa n'Umujyi wa Kigali ryibanda ku rutonde rw'inzitizi zikunze kugaragara mu burezi zirimo ibikorwaremezo, ibikoresho by'ishuri, isuku, ikinyabupfura, ubuyobozi, n'imfashanyigisho zifasha gutsinda ibizamaini bya Leta. Kuva aho igenzura ritangiriye, mpamya ko twateye intambwe ishimishije ku buryo twarengeje ibisabwa muri iri genzura.

Muri make twavuga ko kwisuzuma ariko kwesa imihigo yacu mu mashuri. Dufite icyizere ko tuzatsinda tukabona ibihembo byo kugura za Mudasobwa ziyongera ku zo dusanganywe.

Ireme ry'uburezi mu byitaweho n'Umujyi wa Kigali

MUHOZA Rebecca
Umunyeshuri wo mu mwaka wa 3 muri GS Gisozi 1

Gahunda yo kugaburira abana mu ishuri yatangijwe umwaka ushize mu by'ukuri yamfashije kwiga nshyizeho umwete. Mbere y'uko iyi gahunda itangira, mu masaha yo kurya nirirwaga nayura kuko nta mafaranga nabaga mfite yo kugura ibyo kurya.

Byarambabazaga cyane kubona abandi bana bafata ifunguro abandi turebera. Mu masaha ya nimugoroba byari bigoye kugira umuhate wo kwiga mu nda irimo ubusa. Ibyo byatumye imitsindire yanjye idindira kubera izo mpamvu.

Ariko ubu twese turanezerewe kubera ko dufatira ifunguro hamwe bikagaragaza ko twese tureshya. Ubu noneho nigana umurava kandi n'amanota yariyongereye. Ubu nta mpungenge ngifite n'ubwo mu gitondo mfata ibyoroheje kuko mba nizeye ko sa sita ndi burye ngahaga.

Ubu noneho nta muntu ushobora kunshukisha ibyo kurya ngo anshore mu mibonano mpuzabitsina imburagihe.

Imiyoborere myiza n'ubutabera
Kugera ku miyoborere iboneye y'Umujyi

Imiyoborere myiza yabaye ifumba y'iterembere ryihuse ry'umujyi wa Kigali. Ku rundi ruhande, kwegereza ubuyobozi abaturage byagize uruhare ku iterembere ry'Umujyi aho nzego z'ibanze zarushijeho guhanga udushya hagamijwe iterambere. Ibyo bikaba bigaragazwa no kugaragariza abaturage ibibakorerwa, gukorera mu mucyo kandi bakagira uruhare mu gufata ibyemezo. Mu myaka ishize, abaturage b'Umujyi wa Kigali barushijeho gufata ibyemezo guhera ku nzego z'ibanze.

Kubera imiyoborere myiza , imihigo y'inshingano z'abakozi bakoresha umutungo wa Leta byateye imbere mu myaka itanu ishize kubera ubufatanye n'inkunga y'inzego z'ibanze.

Mu rwego rwo kwesa imihigo mu myaka 5 ishize, umujyi wa Kigali washyizeho ingamba zitandukanye zigamije gutanga serivisi zinoze. Muri izo ngamba harimo nko gutegura amabwiriza y'akazi, gushyiraho imirongo ya telefoni zitishyurwa , igenzura rihoraho rigamije kureba uko servisi zitangwa n'amahugurwa y'abakozi b'inzego z'ibanze ku gutanga serivisi zinoze kandi zitangiwe ku gihe bikaba byarazamuye uburyo bwo gusaba no guhabwa serivisi.

Kwegereza abaturaga igishushanyo mbonera. Ubu noneho dushobora kumenya aho twubaka n'icyo tuhubaka.

Chales HABA Century Real States

Mbere y'uko igishushanyo cy'Umujyi wa Kigali gikorwa, ntibyari byoroshye, Umujyi wubakwaga mu kajagari. Igishushanyo mbonera ni inyandiko nziza idufasha kumenya icyerekezo gikwiye.

Icyiza cy'iki gishushanyo kandi ni uko kigaragaza imirongo ngenderwaho ikuyobora ku kibanza wifuza bikaba bifasha buri wese kumenya aho yakubaka n'uburyo iyo nyubako iteye. Umuntu ntagitakaza umwanya n'amafaranga. Ikindi kintu cyateje imbere urwego rw'imyubakire mu Mujyi wa Kigali, ni iyubakwa ry'ibikorwaremezo birimo imihanda ya kaburimbo, amazi n'amashanyarazi.

Irindi terambere rigaragarira buri wese ni itangwa rya servisi zo kubona ibyangombwa by'ubutaka zegerejwe abaturage bisigaye bitangirwa ku rwego rw'Umurenge kandi mbere twarajyaga gutonda umurongo mu Mujyi wa Kigali.

Gusaba ibyangombwa hakoreshejwe ikoranabuhanga nk'byangombwa byo kubaka nabyo byazamuye urwego rw'ubwubatsi mu Mujyi wa Kigali. Uburyo bwo gukoresha ikoranabuhanga kandi rudufasha kumenya lisiti y'ibikenewe byose bigatuma umuntu adata umwanya atagaguza n'amafaranga. Nkaba mpamya ntashidikanya ko turi mu nzira nziza y'iterembere ry'Umujyi wa Kigali.

Kuryoherwa n'ubuzima bw' i Busanza :Paradizo yibagiranye kuva cyera.

RUCOGOZA Deo, Umurenge wa Busanza

Abantu benshi bibwira ko Busanza atari muri Kigali. Ni paradizo yibagiranye mu Mujyi ushashagirana. Mwibuke ukuntu abantu batinyaga kujya i Nyamata kubera imihanda mibi. Byongeye nta mazi yari ahari ndetse nta modoka yashoboraga kuhagera. Yari inkenegero y'umujyi yibagiranye. Uko iminsi yagiye ihita, byagiye bihinduka ubu dufite byose.

Ndabakangurira kuza i Busanza ni hirya gato ya Kibagabaga. Ni agace nk'utundi twose. Iyo uhari uba witegeye Umujyi wa Kigali ureba Igihugu cyose ibyo byatumye abantu bahubaka amazu.

Mu myaka 2 ishize ikibanza cya 20x 30 cyaguraga amadolari y'Abanyamerika 1000 ubu umpaye ibihumbi 5 by'amadolari ngo ngushakire ikibanza naguhakanira.

Umutekano usesuye

Kubungabunga umutekano ni intego ya mbere u Rwanda rwiyemeje byagera ku Mujyi wa Kigali by'umwihariko bigasaba kwita ku mutekano w'abawutuye n'abawusura baza kwirebera ibyiza biwutatse.

Hafashwe ingamba zitandukanye zo kugira Kigali Umujyi usukuye ku isi. Ku bufatanye n'inzego z'umutekano inama y'ubuyobozi bw'Umujyi wa Kigali bwashyizeho uburyo bwo gusaka hagamijwe gukaza umutekano.

Mu ngamba zafashwe kandi hakwirakwijwe za kizimyamyoto , hafatwa imyanzuro yo guca amasashi, hagabanywa imyotsi ihumanya ikirere, indaya zirahashywa, abana bo mu mihanda basubizwa mu buzima busanzwe, ihohoterwa rishingiye ku gitsina rirarwanywa, hakorwa ubukangurambaga bwo kurwanya ibiyobyabwenge mu rubyiruko, abashinzwe gucunga umutekano ku mahoteri no ku zindi nyubako za Leta bashakirwa ibikoresho , n'inyubako z'ubucuruzi n'iza Leta zishyirwamo za lifts.

Ubugenzuzi n'umutekano mu 2014 byitaweho mu nyubako n'ahantu hahurira abantu benshi. Muri aho ngaho twavuga mu nyubako nini za Leta 45, amahoteri 20, sitasiyo za esanse 17, inganda 27, amagaraji 9, amasoko 6, amavuriro 6 no ku rwibutso rwa jenoside yaakorewe Abatutsi.

Umutekano w'aho dutuye-imodoka y'irondo yadufashije gucunga umutekano.

SAKINDI Jean Baptiste, umushoferi utwara imodoka y'irondo mu Murenge wa Kinyinya

Simvuze ibi ngibi kuko ntwara imodoka bikampa amafaranga amfasha kubaho ahubwo ndabivuga nk'umuturage ugira uruhare mu gufasha abandi. Kuzenguruka mu duce twose tw'Umurenge ntwaye imodoka ntabwo ari ibintu byoroshye.

Dufite imodoka imwe mu Murenge wa Kinyinya. Iyi modoka iradufasha cyane kuko ntibikimeze nka mbere. Ubu aho badutabaje tuhagera ako kanya.Ndibuka ko mbere witabazaga abashinzwe umutekano tuvuge watewe n'abajura, bakahagera rimwe na rimwe abo bajura bagiye.

Ikindi cyiza cy'iyi modoka nu mu rwego rw'ubuyobozi. Iyi modoka idufasha kuzenguruka tureba niba abashinzwe gucunga umutekano bawukora cyangwa se niba batawukora bigatuma nabo batirara. Iyi modoka kandi ifasha mu gihe umwe mu bashinzwe umutekano akomerekeye mu kazi cyangwa se arwaye ikamujyana kwa muganga ku buryo bwihuse.

N'ubwo itworohereza ariko turacyafite imbogamizi duhura nazo mu ijoro kuko tukitwaza inkoni. Hari ubwo ushinzwe umutekano ashobora kubura ubuzima bwe ahuye n'abajura bitwaje intwaro.

Amahirwe ni uko ibyo biboneka ahantu hake muri Kigali kuko ahenshi abasirikare n'abapolisi batwunganira. Iyo duhuye n'ikibazo nk'icyo durabahamagara bakadutabara bidatinze.

Gucunga neza amafaranga y'imisoro: kutwongerera ubushobozi byaduhaye ubumenyi bwo gucunga neza umutungo w'igihugu

KAYIHURA Felix, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Kinyinya

Abaturage basanzwe cyangwa abatuye Umurenge ntabwo ari bo bonyine babona ibyiza tubakorera, ibyo byaba ari imyumvire itariyo. Nanjye nk'umuyobozi w'ibanze byaramfashije mu kazi nkora ka buri munsi.

Twarahuguwe duhabwa ubumenyi mu gukoresha ikoranabuhanga mu kazi dushinzwe bituma tubasha gucunga neza umutungo w'Igihugu. Twahuguwe kandi ku buryo bwo gukoresha "Easy to use" yadufashije kumenya neza ibisohoka mu Murenge. Uburyo bwo gukora raporo bwaranogejwe ku buryo ubu turi indashyikirwa. Dukoresha neza amafaranga nta kunyereza kubayeho ugasanga rimwe na rimwe ari twe tubyungukiyemo kurusha umuturage usanzwe.

Showcasing the City's Five Year Achievements: 2011-2015

Kigali City Council
P. O. Box 3527 Kigali
Tel: (+250) 57 22 55,57 59 58,57 69 67
Fax: (+250) 57 36 84
Hotline: 3260
E-mail: info@kigalicity.gov.rw
Official Website: www.kigalicity.gov.rw